URWEGO RW'URWANDA RUSHINZWE IGORORA

IBIRO BY'UMUYOBOZI USHINZWE IMIRIMO RUSANGE
PO Box 6516
Website: www.rcs.gov.rw
KIGALI

Kigali, Kuwa 27/11/2023

**ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWINJIRA MU MWUGA W'URWEGO RW'U RWANDA RUSHINZWE IGORORA KU BAKOZI BATO**

Ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), buramenyesha abifuza kwinjira mu mwuga w'Abakozi b'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora bari mucyiciro cy'abakozi bato (**Basic Training course**), babifitiye ubushake n'ubushobozi ko guhera tariki ya **01/12/2023** kugeza taliki ya **14/12/2023** bazakira ibyangombwa byabo.

1. **Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

   **a.** Kuba ari Umunyarwanda.
   **b.** Kuba afite ubuzima buzira umuze, byemejwe na muganga wemewe na Leta.
   **c.** Kuba ari ingaragu afite imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25.
   **d.** Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko.
   **e.** Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye A2.
   **f.** Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
   **g.** Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu Gihugu.
   **h.** Kuba atarigeze yirukanwa mumirimo ya Leta.
   **i.** Kuba yiteguye gukora ibizamini biteganyijwe.

2. Abujuje ibisabwa batanga ibyangombwa ku Magororero abegereye no ku cyicaro gikuru cy'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) biherereye mu Murenge wa Kanombe/Rubirizi. Ibyangombwa bisabwa n'ibi bikurikira:

   **a.** Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka kuri website ya RCS (www.rcs.gov.rw) (Application form) iriho n'ifoto ngufi y'amabara.
   **b.** Fotokopi y'indangamuntu.
   **c.** Fotokopi y'Impamyabushobozi/Impamyabumenyi igaragaza ko yarangije kwiga amashuri yisumbuye (A2).
   **d.** Icyemezo cy'imyifatire gitangwa n'umurenge.
   **e.** Icyemezo cy'ubuzima buzira umuze gitangwa na Muganga wemewe na Leta.

NB: Kwiyandikisha bizarangira kuwa gatatu tariki **14/12/2023** saa kumi n'imwe (**1700hrs**), Birabujijwe gutanga ibyangombwa by'ibihimbano.

3. Ku bindi bisobanura mwahamagara kuri telefoni nimero: **0737626200**, **0737626188** na **0737626263.**

Bikorewe i Kigali kuwa 27/11/2023

**Joseph KAMBANDA**
**CSP**
**Corporate Service Division Manager/CBM**